

**ITEGEKO N° 52/2011 RYO KUWA  
14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGEGA  
CYIHARIYE CY'INGOBOKA KU  
BWISHINGIZI BW'UBURYOZWE  
BW'IMPANUKA Z'IBINYABIZIGA BIFITE  
MOTERI BIGENDERA KU BUTAKA  
N'IZIKOMOKA KU NYAMASWA (SGF),  
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE  
N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI  
DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU  
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U  
RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa  
29 Nzeri 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 28  
Nzeri 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u  
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko

**LAW N° 52/2011 OF 14/12/2011  
ESTABLISHING THE SPECIAL GUARANTEE  
FUND FOR ACCIDENTS AND DAMAGES  
CAUSED BY AUTOMOBILES AND ANIMALS  
(SGF) AND DETERMINING ITS MISSION,  
ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF  
THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 29  
September 2011;

The Senate, in its session of 28 September  
2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003, as amended to date,

**LOI N° 52/2011 DU 14/12/2011 PORTANT  
CREATION DU FONDS SPECIAL DE  
GARANTIE POUR DES ACCIDENTS ET DES  
DOMMAGES CAUSES PAR LES  
AUTOMOBILES ET LES ANIMAUX (SGF) ET  
DETERMINANT SA MISSION, SON  
ORGANISATION ET SON  
FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
Q'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU  
RWANDA.**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 29  
septembre 2011;

Le Sénat, en sa séance du 28 septembre 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du  
04 juin 2003, telle que révisée à ce jour,

ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 29, iya 41, iya 44, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 176, iya 183 n'ya 201;	especially in Articles 10, 29, 41, 44, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176, 183 and 201;	spécialement en ses articles 10, 29, 41, 44, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176, 183 et 201;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;	Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;	Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement ;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 53/2008 ryo kuwa 02 Nzeri 2008 rishyiraho Urwego rushinzwe iterambere mu Rwanda (RDB) rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;	Pursuant to Organic Law n° 53/2008 of 02/09/2008 establishing Rwanda Development Board (RDB) and determining its responsibilities, organisation and functioning as modified and complemented to date;	Vu la Loi Organique n° 53/2008 du 02/09/2008 portant création de l'Office pour la promotion du Développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour ;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta;	Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions;	Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics;
Ishingiye ku Itegeko n° 41/2001 ryo ku wa 19 Nzeri 2001 rigena uburyo bwo kubara indishyi zihabwa abahohotewe n'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka;	Pursuant to Law n° 41/2001 of 19 September 2001 determining compensation calculation modalities for people injured or whose property has been damaged by automobiles;	Vu la Loi n° 41/2001 du 19 septembre 2001 relative à l'indemnisation des victimes d'accidents corporels causés par les automobiles;
Ishingiye ku Itegeko-Teka ryo kuwa 22/08/1974 rigenga ubwiteganyirize bw'abakozi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;	Pursuant to Decree-Law of 22/08/1974 on social security for Government employees, as amended and complemented to date;	Vu le Décret-Loi du 22/08/1974 portant organisation de la sécurité sociale telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko-Teka n° 32/75 ryo kuwa	Pursuant to Decree-Law n° 32/75 of 07	Vu le Décret-Loi n° 32/75 du 7 août 1975 relatif à

07 Kanama 1975 rigena ubwishingizi, butegetswe ku buryozwe bw'ibinyabiziga bifite moteri, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;	August 1975 on compulsory civil liability for motor vehicles, as amended and complemented to date;	l'assurance obligatoire de la responsabilité civile en matière d'automobile telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko n° 26/2011 ryo kuwa 27/07/2011 ryerekeye imyishyurire y'abahohotewe n'inyamaswa;	Pursuant to Law n° 26/2011 of 27/07/2011 on compensation for damages caused by animals;	Vu la Loi n° 26/2011 du 27/07/2011 portant indemnisation des préjudices causés par des animaux;
Isubiye ku Itegeko n° 04/2002 ryo kuwa 19/01/2002 rishyiraho Ikigega cy'ingoboka ku binyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka;	Having reviewed Law n° 04/2002 of 19/01/2002 establishing the Automobile Guarantee Fund;	Revu la Loi n° 04/2002 du 19/01/2002 portant création du Fonds de Garantie Automobile ;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article Premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rishyiraho Ikigega cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa cyitwa "SGF" mu magambo ahinnye y'icyongereza. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

This Law establishes a Special Guarantee Fund for accidents and damages caused by automobiles and animals, hereinafter referred to as "SGF". This Law also determines its mission, organization and functioning.

La présente loi porte création du Fonds spécial de garantie pour des accidents et dommages causés par les automobiles et les animaux, appelé «SGF» en sigle anglais. La présente loi détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

SGF ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.

SGF shall have legal personality and enjoy administrative and financial autonomy and shall be managed in accordance with the general provisions governing public institutions.

SGF est doté de la personnalité juridique et jouit d'une autonomie administrative et financière et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

## **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa muri ubu buryo:

1° **“impanuka”**: ibyago bitewe n'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyangwa n'inyamaswa bitangirwa indishyi na SGF;

2° **“inyamaswa”**: inyamaswa y'agasozi iri muri pariki n'ahandi hantu hakomye, cyangwa iri ku rutonde rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze;

3° **“uwahohotewe”**: umuntu wishwe cyangwa wakomerekejwe n'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyangwa inyamaswa, cyangwa uwangirijwe na byo mu buryo ubwo ari bwo bwose.

## **Ingingo ya 3: Icyicaro cya SGF**

Icyicaro cya SGF kiri mu Muji wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

## **UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA SGF**

### **Ingingo ya 4: Inshingano za SGF**

Inshingano za SGF ni izi zikurikira:

1° kwishyura indishyi abantu bahohotewe cyangwa bangirijwe n'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka, iyo:

## **Article 2: Definitions of terms**

In this law, the following terms shall be defined as follows:

1° **“accident”**: any damage caused by an automobile or an animal, which gives right to compensation under SGF conditions;

2° **“animal”**: wild animal living in a park and other protected areas, or which is on the list established by an Order of the Minister in charge of environment;

3° **“victim”**: person killed or injured or whose property is damaged by an automobile or by an animal.

## **Article 3: Head Office of SGF**

The head office of SGF shall be located in Kigali City. It may be transferred to any other place on the Rwandan territory when deemed necessary.

## **CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF SGF**

### **Article 4: Mission of SGF**

SGF shall have the following mission:

1° to compensate victims of damages or injury caused by an automobile where:

## **Article 2: Définitions des termes**

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **«accident»**: dommage causé par une automobile ou un animal et lequel dommage est indemnisable par SGF;

2° **«animal»**: tout animal sauvage vivant dans le parc et dans une autre réserve protégée ainsi que tout autre animal repris sur la liste établie par un arrêté du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions;

3° **«victime»**: toute personne tuée ou blessée ou dont les biens sont endommagés par une automobile ou par un animal.

## **Article 3: Siège du SGF**

Le siège du SGF est établi dans la Ville de Kigali. Il peut être, en cas de nécessité, transféré sur tout autre lieu du territoire rwandais.

## **CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DU SGF**

### **Article 4: Missions du SGF**

SGF a pour missions de:

1° indemniser les victimes des dommages causés par une automobile lorsque:

- |  |   |  |
|--|---|--|
| a) kitashoboye kumenyekana;  | a) the automobile is not identified;  | a) l'automobile n'a pas été identifiée;  |
| b) uburyozwe bugiturukaho butafatiwe ubwishingizi butegetswe, ku binyabiziga bifite moteri;  | b) the civil liability is not covered by compulsory civil liability insurance for motor vehicles;   | b) la responsabilité civile à laquelle il donne lieu n'est pas couverte par une assurance obligatoire en matière d'automobile;   |
| c) cyibwe cyangwa cyambuwe ku ngufu nyiracyo, ugitwaye cyangwa ugifiteho uburenganzira;  | c) the automobile was stolen or taken away from its owner or driver or from any other person that has the right over the automobile;  | c) l'automobile a été volée ou enlevée par force à son propriétaire, à son conducteur ou à celui qui a en avait la possession;   |
| 2° kwishyura indishyi abahohotewe n'inyamaswa;   | 2° to compensate victims of damages caused by animals;  | 2° indemniser les victimes des dommages causés par les animaux;  |
| 3° kugoboka mu buvuzi abantu bakomerekejwe cyangwa bamugajwe n'impanuka zatewe n'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka cyangwa n'inyamaswa mu gihe hagitegerejwe kumenya ugomba kuryozwa impanuka;  | 3° to help in covering medical expenses for people injured or incapacitated by accidents caused by automobiles or animals while waiting for the person responsible for civil liability to be identified;  | 3° assurer l'assistance en frais médicaux aux personnes blessées ou souffrant d'une incapacité suite à des accidents causés par des automobiles ou des animaux en attendant que la personne à qui incombe la responsabilité civile soit identifiée;  |
| 4° gukusanya amakuru yose ajyanye n'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka hifashishijwe amasosiyeti y'ubwishingizi, Ikigo cy'imisoro n'amahoro n'izindi nzego hagamijwe kumenya ibinyabiziga bigenda bidafite ubwishingizi kugira ngo, ku bufatanye n'inzego za Polisi, bivanwe mu muhanda; | 4° to collect comprehensive data on insurance for automobiles through insurance companies, the Rwanda Revenue Authority and other institutions, in order to know which automobiles are not insured so that, in collaboration with police organs, they can be removed from road traffic; | 4° collecter à travers les sociétés d'assurance, l'Office Rwandais des Recettes et autres institutions, toutes les informations nécessaires pour identifier les automobiles non couvertes par l'assurance dans le but de les empêcher de circuler, en collaboration avec les organes de la Police; |
| 5° kugira uruhare mu bikorwa byo gukumira impanuka;  | 5° to participate in accident prevention activities;  | 5° participer aux activités de prévention des accidents;   |
| 6° kugira uruhare mu bikorwa byo kugira inama abahohotewe n'impanuka zavuzwe mu gace ka mbere n'aka 2° tw'iyi ngingo mu gihe bakurikirana ubwishyuru bwabo na nyuma yaho.  | 6° to take part in activities meant to assist and advise the victims of the accidents mentioned in subparagraphs One and 2° of this Article when they claim compensation and thereafter.  | 6° participer aux activités de donner assistance et avis aux victimes des accidents visés aux premier points 1° et 2° du présent article pendant la réclamation d'indemnisation et après.  |

### **Ingingo ya 5: Ububasha bwa SGF**

SGF ifite ububasha bukurikira:

1° kugenzura mu bigo by'ubwishingizi uko imisanzu ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'ibinyabiziga itangwa;

2° guteza cyamunara ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyateje impanuka iyo hashize amezi atatu nyiracyo amenyeshejwe ko agomba gusubiza ubwishingizi bwatanzwe na SGF ntabikore. Iyo amafaranga avuyemo adakwiriye, SGF ifite uburenganzira bwo gutanga ikirego mu nkiko hagamijwe kugaruza asigaye;

3° guteza cyamunara ibisigazwa by'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka byarangije gutangwaho indishyi;

4° kwishyura umwishingizi w'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyateje impanuka kugira ngo ayisubize amafaranga yatanze kwa muganga mu kugoboka mu buvuzi buvugwa mu gace ka 3° k'ingingo ya 4 y'iri tegeko;

5° gutanga ikirego mu nkiko ku muntu wabayemye nyirabayazana w'ihohoterwa cyangwa yatangirizwa n'inyamaswa iyo hashize ukwezi kumwe amenyeshejwe indishyi agomba gusubiza SGF ntazisubize.

### **Article 5: Powers of SGF**

SGF shall have the power to:

1° exercise control over insurance companies in relation to payment of insurance premiums for civil liability for motor vehicles;

2° sell by public auction automobile which caused the accident if, after three months of notification, the owner fails to reimburse the money paid out by SGF. When the money from such a public auction is less than the amount to be recovered, SGF shall have the right to file the case in courts of law in order to obtain the remaining amount of money;

3° sell by public auction the wreckage of an automobile for which compensation has been paid;

4° to request the insurance company of the automobile which caused the accident to reimburse medical expenses as referred to in sub-paragraph 3° of Article 4 of this Law;

5° to file a case in courts of law against any person responsible for damage or injury caused by an animal where after a month from the time of notification, he/she failed to reimburse the amount of compensation paid by SGF.

### **Article 5: Pouvoirs du SGF**

SGF a les pouvoirs ci-après de:

1° vérifier auprès des compagnies d'assurances, le paiement des primes d'assurance de la responsabilité civile automobile;

2° vendre aux enchères publiques l'automobile dont le propriétaire qui, à l'expiration d'une période de trois mois de la notification, n'a pas remboursé la somme payée par SGF. Si le montant obtenu de cette vente est inférieur à celui à recouvrer, SGF a le droit de saisir les juridictions pour récupérer la différence;

3° procéder à la vente aux enchères des épaves d'une automobile pour lesquels la compensation a été versée;

4° demander auprès de l'assureur de l'automobile qui a causé l'accident le remboursement des frais médicaux en vertu du point 3° de l'article 4 de la présente loi;

5° poursuivre en justice toute personne responsable du dommage ou préjudice causé par un animal si, après un mois de notification, elle n'a pas remboursé le montant payé par SGF.

**Ingingo ya 6: Ifatirwa ry'ikinyabiziga gifite moteri kigendera ku butaka cyateje impanuka**

Mu gihe habaye impanuka itejwe n'ikinyabiziga kidafite ubwishingizi, inzego zibishinzwe zifatira icyo kinyabiziga kugeza igihe nyiracyo yishyuriye SGF ubwishyu bwose bwatanzwe kuri dosiye isaba indishyi hiyongereyeho icyo iryo fatira ryatwaye.

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA SGF N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 7: Urwego rureberera SGF n'icyiciro irimo**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera SGF n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera SGF n'urwego rufata ibyemezo, hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza SGF ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa SGF.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA SGF**

**Article 6: Seizing the automobile which caused an accident**

Where an accident is caused by an automobile without insurance, the relevant authorities shall seize that automobile until its owner has paid back to SGF all monies spent while processing the compensation request file as well as the cost of seizure.

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF SGF AND ITS CATEGORY**

**Article 7: Supervising authority of SGF and its category**

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of SGF and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of SGF and its decision-making organ a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for SGF to fulfil its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision-making organ of SGF.

**CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF SGF**

**Article 6: Saisie de l'automobile qui a causé un accident**

En cas d'accident causé par une automobile sans assurance, les autorités compétentes saisissent, à titre conservatoire, cette automobile jusqu'à ce que son propriétaire rembourse au SGF la totalité des sommes payées relativement au dossier d'indemnisation majorée du coût de la saisie.

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU SGF ET SA CATEGORIE**

**Article 7: Organe de tutelle du SGF et sa catégorie**

L'organe de tutelle du SGF et sa catégorie sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Il est conclu entre l'organe de tutelle du SGF et son organe de décision un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de permettre au SGF d'accomplir ses missions.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de décision du SGF.

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU SGF**

**Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi za SGF**

Inzego z'ubuyobozi za SGF ni izi zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo SGF ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena kandi ububasha, inshingano n'imikorere by'inzego za SGF, umubare w'abagize inzego za SGF n'igihe bamara ku murimo.

**Ingingo ya 9: Inama y'Ubuyobozi ya SGF**

Inama y'Ubuyobozi ya SGF ni urwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

**Article 8: Management organs of SGF**

SGF is comprised of the following management organs:

1° the Board of Directors;

2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may establish other relevant organs of SGF for fulfilling its mission.

The competence, responsibilities and functioning of the organs of SGF, number of their members and their term of office shall be determined by a Prime Minister's Order.

**Article 9: Board of Directors of SGF**

The Board of Directors of SGF shall be the governing and decision-making organ. Its competence, responsibilities, functioning and the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be chosen based on their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors shall be females.

**Article 8: Organes de direction du SGF**

SGF est doté des organes de direction suivants:

1° Conseil d'Administration;

2° Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes du SGF nécessaires à la réalisation de ses missions.

Les compétences, les attributions et le fonctionnement des organes du SGF, le nombre de leurs membres ainsi que la durée de leurs mandats sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 9: Conseil d'Administration du SGF**

Le Conseil d'Administration du SGF est l'organe de direction et de prise de décisions. Ses compétences, ses attributions, son fonctionnement et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-Président. Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.



**Ingingo ya 10: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama.

**Ingingo ya 11: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri SGF.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na SGF.

**Ingingo ya 12: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa SGF**

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa SGF bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa SGF bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 13: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za SGF**

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego

**Article 10: Sitting allowances for the members of the Board of Directors**

A Presidential Order shall determine the sitting allowances for members of the Board of Directors that are present in the meetings of the Board of Directors.

**Article 11: Incompatibilities with the membership of the Board of Directors**

The members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity in SGF.

The members of the Board of Directors shall also not be allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of SGF.

**Article 12: Members of the General Directorate of SGF**

A Presidential Order shall determine members of the General Directorate of SGF.

The competence, responsibilities and modalities of functioning of the members of the General Directorate of SGF shall be determined by a Prime Minister's Order.

**Article 13: Organization, functioning and responsibilities organs of SGF**

The organization, functioning and responsibilities

**Article 10: Jetons de présence accordés aux membres du Conseil d'Administration**

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence des membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du dit Conseil.

**Article 11: Incompatibilités avec la fonction de membres du Conseil d'Administration**

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration d'exercer des fonctions rémunérées au sein du SGF.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou à travers les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés du SGF.

**Article 12: Membres de la Direction Générale du SGF**

Un arrêté présidentiel détermine les membres de la Direction Générale du SGF.

Les compétences, les attributions et les modalités de fonctionnement des membres de la Direction Générale du SGF sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 13: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du SGF**

L'organisation, le fonctionnement et les attributions

z'imirimo za SGF bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 14: Sitati y'abakozi ba SGF n'ibigenerwa abari mu nzego z'ubuyobozi n'abakozi ba SGF**

Abakozi ba SGF bagengwa na Sitati rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba SGF biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

**Ingingo ya 15: Ububasha bw'abakozi ba SGF**

Abakozi bamwe ba SGF, bitewe n'imirimo bashinzwe, bashobora guhabwa ububasha bwo kuba abahesha b'inkiko n'ubwo guhagararira SGF imbere y'inkiko ku bijyana n'inshingano za SGF binyuze mu iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA SGF**

**Ingingo ya 16: Inkomoko y'umutungo wa SGF**

Umutungo wa SGF ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

organs of SGF shall be determined by a Prime Minister's Order.

**Article 14: Statute governing the staff of SGF and benefits of members of the General Directorate and the staff of SGF**

The staff of SGF is governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to members of the General Directorate and to the staff of SGF shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

**Article 15: Powers of SGF staff**

Subject to their specific duties, some staff members of SGF may, by an Order of the Ministry in charge of Justice, be given bailiff's powers and the powers to serve as attorneys before the courts of law in matters relating to the mission of SGF.

**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF SGF**

**Article 16: Source of SGF property**

The property of SGF shall be comprised of movables and immovables.

des organes du SGF sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 14: Statut du personnel du SGF et les appointements des membres de la Direction Générale et du personnel du SGF**

Le personnel du SGF est régi par le statut général de la fonction publique rwandaise.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du SGF sont déterminés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

**Article 15: Pouvoirs du personnel du SGF**

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions accorde à certains agents du SGF, sur base de leurs attributions, la qualité d'huissier et celle de mandataire en justice pour ce qui a trait aux missions du SGF.

**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU SGF**

**Article 16: Source du patrimoine du SGF**

Le patrimoine du SGF comprend les biens meubles et immeubles.

Umutungo wa SGF ukomoka kuri ibi bikurikira:	The property of SGF shall come from the following:	Le patrimoine du SGF provient des sources suivantes:
1° icumi ku ijana (10%) ry'amafaranga atangwa ku bwishingizi bw'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka. Uko iryo janisha ritangwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubwishingizi mu nshingano ze;	1° ten per cent (10%) of insurance premiums for automobiles. Modalities for paying such percentage shall be determined by an Order of the Minister in charge of insurance;	1° dix pour cent (10%) des primes d'assurance de responsabilité civile des automobiles. Les modalités de paiement de ce pourcentage sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant l'assurance dans ses attributions ;
2° gatanu ku ijana (5 %) y'imbumbwe y'umusaruro w'umwaka urwego rufite ubukerarugendo mu nshingano zarwo rukomora ku bikorwa by'ubukerarugendo. Uko iryo janisha ritangwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubukerarugendo mu nshingano ze;	2° five percent (5%) of gross annual income that the organ in charge of tourism gains from tourism activities. Modalities for paying such percentage shall be determined by an Order of the Minister in charge of tourism;	2° cinq pour cent (5%) des revenus bruts annuels que l'organe chargé du tourisme tire de l'ensemble des activités de tourisme. Les modalités de paiement de ce pourcentage sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant le tourisme dans ses attributions ;
